URUGENDO RUTAGATIFU RW'URUBYIRUKO RWA DIYOSEZI GATOLIKA YA NYUNDO I CONGO-NIL

Ku ya 10 na 11 Kamena 2017 ku munsi mukuru w'Ubutatu Butagatifu, nk'uko rusanzwe rubigenza buri mwaka, urubyiruko rusaga ibihumbi makumyabiri na bine na Magana abiri na mirongo itandatu na bane (24264) rwa Diyosezi Gatolika ya Nyundo rwakoze Urugendo Rutagatifu i Congo -Nil hafi y'ahubatse ibiro by'akarere ka Rutsiro. Urwo rubyiruko rwari ruturutse mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Ngororero, Rutsiro, Karongi n'agace ka Nyamasheke.

Bimwe mu bikorwa byaranze urwo rugendo, ni uburyo abajeni bagendaga n'amaguru baherekejwe n'abapadiri bashinzwe urubyiruko muri za paruwasi, kugenda basenga, gushengerera, gukurikirana ibiganiro bitandukanye, gukora inzira y'umusaraba,... no guturira hamwe Igitambo cya Missa yo gushimira Imana. Insanganyamatsiko yibanzweho iragira iti:"***Ushoborabyose yankoreye ibitangaza***"(Lk 1,49).

Uretse urubyiruko, urwo rugendo rwitabiriwe n'abashyitsi batandukanye:

-Mgr Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi wa Nyundo ari na we wayoboye Igitambo cya Missa

-Mgr Servilien NZAKAMWITA, Umwepiskopi wa Byumba

-Ministre w'Ubutegetsi bw'Igihugu François KABONEKA

-Intumwa za Ministère y'Urubyiruko n'Ikoranabuhanga

-Gouverneur w'Intara y'Uburengerazuba

-Abagarariye Ingabo na Police mu ntara y'Uburengerazuba

-Abayobozi b'uturere twa Ngororero na Rutsiro

-Umunyamabanga nshingwabikorwa w'inama nkuru y'igihugu y'Urubyiruko

-Umunyamabanga w'akanama k'Abepiskopi gatolika gashinzwe iyogezabutumwa ry'Urubyiruko

-N'abandi.

Inyigisho yatanzwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yashishikarije urubyiruko guharanira gushyira hamwe mu byiza bubaka amahoro n'ibyishimo nk'uko abaperisona bagize Ubutatu Butagatifu bashira hamwe, kubaka umuryango,Kiliziya, Igihugu,Isi, kugirango birusheho kubaho neza; Umwepiskopi yagize ati:"impamvu Mutagatifu Jean Paul II yatangije JMJ kwari ukugira ngo yifashishe urubyiruko mu gikorwa cyo guhindura isi, gukiza isi no kubaka amahoro ku isi". Yabwiye urubyiruko ko gukora Urugendo rutagatifu ari "ugukora inzira y'umusaraba" tuzirikana ineza Yezu Kristu ahoza ku bantu. Yashoje akangurira urubyiruko kwirinda ibiruyobya rwifashishije isengesho.

Ubutumwa bwa Mgr Servilien bwibanze kuri Sinodi y'urubyiruko iteganyijwe mu kwa 10/ 2018 iziga ku "Ukwemera mu rubyiruko no ku Muhamagaro mu rubyiruko". Umwepiskopi yabwiye urubyiruko ko Papa François abashyize ku mutima.

Ministre w'Ubutegetsi bw'Igihugu François KABONEKA

Ministre Fraçois KABONEKA yatangiye ijambo rye ashimira ubufatanye hagati ya Kiliziya na Leta y'u Rwanda. Yabwiye urubyiruko ko arirwo mizero ya Kiliziya n'igihugu. Yarubwiye ko Kiliziya irufasha isana imitima yarwo naho Leta ikarufasha irushyiriraho ibikorwa by'iterambere inarucungira umutekano.

Ministre yasabye abajene "gukora bakoresheje ubwenge bwabo birinda gukunda ibintu batakoreye". Yasabye urubyiruko kwirinda amakimbirane no guharanira kugira "indangagaciro" zituma baba abakristu barangwa n'ibikorwa kandi bakaba abanyarwanda bubahana. Yashoje ijambo rye ashimira abari bitabiriye bose kandi ababwira ko ibikorwa by'iterambere i Congo-Nil bigikomeje ko nyuma y'umuhanda ugiye kurangira ko hari n'umushinga wo gutunganya neza ku murwa wa Bikira Mariya Umubyeyi w'abakene ukorerwaho ingendo ntagatiifu.

Urugendo Rutagatifu rwashojwe n'Umugisha watanzwe n'abepiskopi bombi, nuko abajeni basubira muri za paruwasi bari baturutsemo.

Bikira Mariya Umubyeyi w'abakene, udusabire!

Padiri Straton NSHIMYUMUREMYI